## IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIZA ABAHESHA B'INKIKO BATARI AB'UMWUGA N'ABANOTERI KU WA 07 NZERI 2017

Bahesha b'Inkiko namwe ba Noteri mumaze kurahira;

Mbahaye ikaze muri Minisiteri y'Ubutabera no mu mirimo mishya mumaze kurahirira;

Tuzi twese ko u Rwanda ari Igihugu kigendera ku mategeko kandi giharanira iterambere ryihuse kuri buri Munyarwanda ku itangwa rya Serivise yihuse kandi inoze;

### KU BAHESHA B'INKIKO

Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho Inzego z'Abahesha b'Inkiko baba ab'Umwuga n'abatari ab'Umwuga hagamijwe korohereza abaturage guhabwa Ubutabera bwuzuye, kuva urubanza ruburanishijwe kugeza rurangijwe uwatsinze agahabwa ibyo yatsindiye;

Abayobozi b'Inzego z'Ibanze (Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, ab'Imirenge n'ab'Uturere) ku nshingano basanganywe Itegeko ryabongereyeho n' inshingano yo kurangiza imanza. Kuri abo hiyongeraho abandi bakozi ba Leta bafite mu nshingano zabo irangizwa ry'imanza, harimo n'abakozi bo kuri Minisiteri y'Ubutabera, uwo ku Rwego rw'Umuvunyi n'umwe mu bakozi ba MAJ;

***Hashingiwe ku mibare dufite, bigaragara ko Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga ari 2627 (Abanyamabanga Nshingwabikorwa 30 b'Uturere, 416 b'Imirenge, 2.147 b'Utugari na 03 bo muri Minisiteri y'Ubutabera, 01 wo ku Rwego rw'Umuvunyi ndetse na 30 bo muri MAJ), hakiyongeraho abandi Bahesha b'Inkiko b'Umwuga bagera kuri 403 bose hamwe bakaba bagera kuri 3030 hatabariwemo abo mu ma Gereza n'ababihabwa n'amategeko agenga Ibigo bakoreramo***;

Duhereye kuri iyi mibare, nta rubanza rurangizwa rwakagombye kubura ururangiza kuko umubare w'Abahesha b'Inkiko umaze kugera ku kigero gikwiye ugereranyije n'ibihe byashize;

Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga mumaze kurahira, igihe muri mu gikorwa cyo kurangiza imanza, ibyemezo by'Inkiko n'inyandiko mpesha mugomba kuzirikana ko iyo umuturage arangirijwe urubanza aribwo aba abonye ubutabera bwuzuye, kubera iyo mpamvu muri gahunda za buri munsi z'akazi mutegura murasabwa no gushyiramo umunsi wo kurangiza imanza n'ibyemezo by'inkiko kandi mukawubahiriza.

Ndabibutsa ko mudakwiye kwakira igihembo icyo aricyo cyose giturutse k'uwo barangirije urubanza kuko ari Abakozi ba Leta bahemberwa imirimo bakora;

Itegeko rishyiraho Umuvunyi riteganya ko abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bahabwa ububasha bw'Abahesha b'Inkiko mu Gihugu hose na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze, abisabwe n'Umuvunyi ;

Ni muri urwo rwego mu bamaze kurahira harimo Umuhesha w'Inkiko wo ku Rwego rw'Umuvunyi, nawe nkaba musaba kunoza no gukora neza inshingano ahawe by'umwihariko nk'uturuka mu Rwego rushinzwe kugenzura imikorere myiza y'Inzego za Leta;

***Mu rwego rwo gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga ariyo gahunda Igihugu cyacu cyihaye, hashingiwe mu kunoza imikorere y'inzego z'Ubutabera, hashyizweho uburyo bw'ikoranabuhanga (IECMS) bukoreshwa mu gutanga ibirego no kumenya amakuru yerekeranye n'imanza. Ubwo buryo buragenda bunozwa bukaba buzajya bunakoreshwa mu irangizwa ry'imanza mu rwego rwo koroshya irangizwa n'ikurikirana ryazo;***

***Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga n'ab'umwuga bamaze gukora ibikorwa by'indashyikirwa binyuranye byerekeye irangizwa ry'imanza ibi bigaragarira muri raporo zitangwa n'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ndetse n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, aho mu mwaka w'ingengo y'imari ushize wa 2016-2017 barangije imanza zisanzwe zigera kuri 2651 n'imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca zigera ku 21.493, kuri izi manza zaciwe n'Inkiko Gacaca hasigaye izigera ku 15.472 zitararangizwa;***

Mwebwe mumaze kurahira ndabasaba kugira uruhare rugaragara mu kurangiza imanza zitararangizwa harimo n'izaciwe n'Inkiko Gacaca zerekeye imitungo

zidafite inzitizi kuko nk'uko mubizi Inkiko Gacaca zasoje imirimo yazo mu mwaka wa 2012, bikaba rero bidakwiye ko kugeza ubu haba hakiri imanza zaciwe n'izo Nkiko zitararangizwa.

N'ubwo bigaragara ko Abahesha b'Inkiko barangije imanza nyinshi, hari imyitwarire cyangwa amakosa yagiye agaragara kuri bamwe mu bahesha b'Inkiko batari ab'umwuga:

- Gusiragiza abaturage baza babagana aho kubaha serivisi basaba bakabohereza mu bahesha b'Inkiko b'Umwuga, cyangwa ku mukozi wa MAJ bisa nko kwikuraho iyo nshingano;
- Kutarangiza imanza bahawe mu gihe cy'amezi atatu (03) giteganywa n'Amategeko ntibanagaragarize uwabahaye urubanza impamvu batarurangiza.
- Kurangiza imanza mu buryo bunyuranye n'ubwategetswe n' urukiko;
- Indi myitwarire yose ishobora kudindiza irangizwa ry'imanza.

Ndabamenyesha ko imikorere nk'iyo itagomba kubaranga kuko idahesha agaciro Igihugu cyacu, itesha agaciro uyigaragaweho, bishobora no kumuviramo kwirukanwa mu kazi no gukurikiranwa mu Nkiko;

Ndabamenyesha ko Minisiteri y'Ubutabera itazigera ireberera cyangwa ngo yihanganire umuyobozi uwo ariwe wese ukora amakosa ayo ariyo yose yatuma iterambere ry'Igihugu cyacu ridindira;

## KURI BA NOTERI

Mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi, Leta y'u Rwanda yashyizeho Abanoteri ku nzego z'ibanze uhereye ku Murenge kugeza ku Karere, hiyongeraho abo ku rwego rw'Igihugu, kugira ngo umuntu ukeneye iyo Serivisi ayihabwe vuba, bitabaye ngombwa ko akora urugendo rurerure;

Hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko rigena Umurimo w'Abanoteri, mu Gihugu hose hari aba Noteri ba Leta bagera kuri 910 (ab'Imirenge 832, abo mu Turere 60, aba MINIJUST 03, aba RGB 02, aba RDB 02, abo ku rwego rwa zones

z'iyandikisha ry'ubutaka 10 n'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka 01) hakiyongeraho abo ku rwego rwa za Ambassade z'u Rwanda;

Ba Noteri mumaze kurahira mufite inshingano zikomeye zo guha serivise abantu batandukanye baza babagana basaba kwemeza inyandiko zabo ziri mu bubasha muhabwa n'amategeko, ndabasaba gukorana ubunyangamugayo n'ubushishozi muri iyo mirimo kuko imirimo mukora yaba iya notariya cyangwa indi mushinzwe harimo n'iy'irangamimerere, yose iramutse idakozwe neza yateza ikibazo mu baturage n'Igihugu muri rusange;

***Kuri ba Noteri mushinzwe imirimo ya Notariya mu by'ubutaka mu mirenge, namwe mufite inshingano zikomeye zo gutanga serivise z'abantu batandukanye babagana basaba serivise za Notariya ziri mu nshingano zanyu zirebana n'ubutaka. Kubera ibibazo byinshi bigaragara mu baturage bishingiye ku makimbirane aturuka ku butaka murasabwa kugira uruhare mu gukumira ayo makimbirane mu bushishozi buhagije mushingiye ku biteganywa n'amategeko;***

Ndabamenyesha kandi ko Itegeko rigenga umurimo wa Notariya ryemera ko hajyaho ba Noteri bigenga, aba nabo bakaba bazafasha mu korohereza umuturage kubona serivisi yihuse;

***Ndasaba ba noteri mumaze kurahira n'abandi bari muri uwo murimo ko mu mikorere yanyu mugomba kugira gahunda mugenderaho, akazi ka Notariya ntikabe akazi k'inyongera ku zindi nshingano mufite, aho usanga umuntu ushaka serivisi ya notariya agera ku biro agasanga uyimuha yagiye mu kandi kazi ntanamenyeshwe igihe azayibonera. Mukwiye kugira gahunda isobanutse, serivise ya notariya nayo igahabwa agaciro n'umwanya ikwiye, bityo tukarinda umuturage gusiragira;***

Iyi imirimo mushinzwe idakozwe neza uko bikwiye ntigira ingaruka gusa ku baturage ahubwo n'Igihugu kirahahombera kuko gihemba abakozi batakoze inshingano zabo ndetse n'abaturage bagata umwanya bitari ngombwa biruka inyuma y'ibyo bakagombye gukorerwa batarushye, bikabatesha imirimo ibateza imbere;

Reka nshimangire ko iyo umuturage aje akugana akeneye serivisi ya notariya, ntabwo ari ku nyungu ze bwite gusa ahubwo aba yahisemo kunyura mu nzira ziteganywa n’amategeko.

Mu gusoza nongeye gusaba mwebwe mwese mumaze kurahira, Abahesha b’Inkiko na ba Noteri, kurangwa n'ubunyangamugayo, mwirinda amarangamutima, ruswa, ikimenyane, gutonesha n'izindi ngeso mbi zisenya imirimo yanyu, kandi ibyo ni ikizira mu Gihugu cyacu;

Ndahamya ntashidikanya ko ibyo musabwa byose muzabigeraho bitabagoye, nimukurikiza amategeko ndetse n’aho mwahura n’ikibazo mukagisha inama kuko hari abantu batandukanye bafite ubunararibonye muri iyo mirimo biteguye kubaba hafi.

Minisiteri y'Ubutabera irabizeza kuzakomeza kubafasha mu byo muzayikeneramo kandi biri mu nshingano zayo, kugira ngo namwe mubashe kuzuza neza inshingano zanyu.

Mbifurije imirimo myiza yo gutanga serivisi inoze no gusubira mu Turere mwaturutsemo amahoro.

Murakoze.